# Ubusobanuro bwa Canvas ku Banyeshuri

## Nagera kuri Canvas gute?

Hariho uburyo butatu bwo kugera kuri Canvas. Ukeneye gukoresha bumwe gusa.

1. www.fcps.net/canvas
2. http://fcps.instructure.com
3. Binyuze muri Google waffle (1) muri Google Drive yawe, kanda umanura hasi kugira ngo ubone Canvas (2)




## Nagera kuri Canvas gute?

Yego, Uzakoresha aderesi imeri y'ishuri hamwe n'ijambobanga kugira ngo winjire muri Canvas. Bizasaba konte yawe ya Google. (1) Koresha aderesi imeri y'ishuri yawe hamwe n'ijambobanga. Ntukoreshe konti yawe bwite.

Ibuka iherezo rya aderesi imeri yawe ni:

@ stu.fayette.schools.us




## Ese ndemera amategeko y'ikoreshwa ryemewe?

Yego, ugomba kwemera amategeko y'ikoreshwa ryemewe ucyinjira bwa mbere. Ibi ntibizagaragara numara kubyemera no kubyohereza bwa mbere.




## Amasomo yanjye aba he?

Amasomo yawe ashobora kugaragara muri hamwe mu hantu habiri:

1. The Dashboard (1) (Ikibaho)
2. Courses- All Courses (Amasomo – Amasomo yose




**Inama**: Shyira akanyenyeri cyangwa ukureho akanyenyeri muri **All Courses** kugira ngo wongereho

| | |
|---|---|
| cyangwa ukureho amasomo mu kibaho cyawe. |  |
| **Nagera kw'ishuri gute?**<br><br>Kanda inshuro ebyiri kw'ishuri riri muri **Dashboard** (1) cyangwa ukande umutwe w'isomo riri muri **Courses** (2) | <br> |
| **Iyo ngeze mw'ishuri ryanjye, ntangirira he?**<br><br>Umwarimu wawe ashobora kuba afite urupapuro rw'intangiriro (1) cyangwa akaguha urutonde rwo kureberaho (2)<br><br>Kurikiza ibyerekezo biri ku rupapuro rw'intangiriro rwa mwarimu wawe.<br><br>Urutonde rwo kureberaho rwitwa **Modules**. Modules (2) ni ho uzakorera igihe cyose cy'amasomo yawe. Umwarimu wawe azagira ibikorwa bitandukanye. | <br> |
| **Inama**: Reba **Next botton** (buto ikurikira) imbere mu gikorwa kugira ngo wimukire ku rupapuro rukurikira muri Module. |  |

## Ni ibihe bimwe mu bishushanyo bitandukanye mu kureba muri Module?

**Impapuro** (1) – Kuri uru rupapuro uzasangamo ibikubiye mw'ishuri ryawe. Hashobora kuba hari amashusho yo kureba, cyangwa ushobora kuhasanga amashusho ya silayidi zo kureba.

**Imikoro (2)** -Uzatanga imikoro yawe hano. Umwarimu wawe ashobora gushyiramo videwo zimwe n'imfashanyigisho, ariko bazagusaba kugira icyo ubasubiza.

**Akanama k'ibiganiro (3)** - Umwarimu wawe ashobora kugusaba kwitabira ibiganiro byanditse nk'igice kigize umukoro. Uzaganira ku ngingo hamwe n'abanyeshuri mwigana hano.

**Ibibazo (4)**- Umwarimu wawe arashaka kumenya ibyo uzi.




## Natanga umukoro gute?

1. Fungura umukoro
2. Soma ibyerekezo maze ukurikize amategeko
3. Mu gihe witeguye, kanda kuri **Submit Assignment** hejuru iburyo (1)
4. Bijyanye n'umukoro, ushobora:
   a. Gukuramo dosiye muri mudasobwa yawe cyangwa Chromebook (2)
      - Hitamo "Choose File"
      - Hitamo idosiye
      - Kanda kuri "Open"

   b. Sangira link (umurongo) na mwarimu wawe

   c. Fata amashusho (video) cyangwa amajwi (Audio) ukoresheje Media

   *d.* Shyiramo inyandiko ya Google Drive cyangwa Office 365 – Ushobora kubanza kwemerera konte yawe ya Google. Reba ubufasha kuri *" How do I authorize my Google Account?" (Nakwemerera Konte yanjye ya Google nte?)*

   e. Kora umukoro mu gufungura ibiri muri



<table>
<tr>
<td>Google (3) cyangwa ukoresheje idirishya ribanza kubyerekana (4).<br><br>5. Mu gihe umukoro wawe urangiye, ongera ukande rindi rimwe buto ya Submit Assignment.<br><br>6. Uzabona icyemezo hejuru iburyo bwa sikrini, kandi kizerekana igihe n'itariki byoherejweho.</td>
<td>or<br>
</td>
</tr>
<tr>
<td>Inama: Wibuke kugenzura amatariki yagenwe ku mikoro, kugira ngo udasiba umukoro. Amatariki yagenwe aboneka hejuru mu mfuruka y'ibumoso bw'umukoro munsi y'umutwe w'amagambo.</td>
<td>
</td>
</tr>
<tr>
<td>Nakwemerera Konte yanjye ya Google gute?<br><br>1. Kanda kuri buto ya Authorize (1)<br><br>2. Hitamo konte y'Ishuri ryawe (2)<br><br>Biragusaba gushyiramo imeri adresi yawe n'Ijambobanga<br><br>3. Hitamo Allow (3) kugira ngo Canvas ishobore kugera muri Google Drive yawe</td>
<td>




</td>
</tr>
<tr>
<td>Ese hari Kalendari (Ikirangaminsi)?<br><br>Yego, Ikimenyetso cya kalendari(1) (ikirangaminsi) kiba ku ruhande rw'ibumoso. Niba umwarimu wawe akoresha amatariki yagenwe, iyi mikoro izaboneka kuri kalendari yawe ku masomo yose. Kalendari ni inshuti yawe igufasha kugira ngo utsinde muri Canvas. Ushobora kandi gukanda ku mukoro (2) kugira ngo uwusubiremo hanyuma uwurangize.</td>
<td>
</td>
</tr>
</table>




## Nshobora kohererereza ubutumwa mwarimu wanjye binyuze muri Canvas?

Yego, Agasanduku k'Ubutumwa kagufasha kohererereza imeri mwarimu wawe mu buryo butaziguye. Ntugomba kujya kuri Outlook kugira ngo wohererereze imeri mwarimu wawe.

1. Fungura agasanduku kawe (1)
2. Kanda kuri buto ya Compose (2) (Andika), hejuru iburyo.
3. Hitamo ishuri ryawe
4. Hitamo umwarimu wawe (3)
5. Andika ubutumwa bwawe bwa imeri
6. Kanda kuri: Send (Kohereza)







**Inama**: Wibuke imeri ziri mu buryo bwemewe kandi ntizigomba gukoresha imvugo idasanzwe, nk'ubutumwa bwandikiwe inshuti yawe.

## Haba hariho App (porogaramu) ya Canvas?

Yego, Canvas ifite App y'Abanyeshuri. Ushobora kubisanga mu bubiko bwa Google (Google Play Store) no mu bubiko bwa porogaramu za Apple (Apple App Store).
**Shakisha**: Canvas y'Umunyeshuri

STUDENT

GET IT ON Google Play

Available on the App Store

## Nashyiraho App y'Umunyeshuri nte?



1. Kura App ya “Canvas Student” (canvas y'umunyeshuri) mu bubiko bwawe bwa porogaramu.
2. Fungura App ya “Canvas Student”
3. Kanda ahanditse Find School (1) (Shakisha Ishuri.
4. Andikamo: fcps.instructure.com NTABWO ARI Fayette County
5. Hitamo FCPS- (KY) Students & Staff (2)
6. Injira ukoresheje imeri yawe ya FCPS hamwe n’ijambobanga (3)

   a.Ibuka iherezo rya aderesi imeri yawe: @stu.fayette.schools.us







**Inama:** Emerera Ibimenyeshwa, kugira ngo ushobore kumenyeshwa mu gihe mwarimu wawe ashyizeho inyandiko nshya cyangwa itangazo.




## Naba nkeneye App ya Canvas Student?

App irahari kugira ngo ube uyifite ku bikoresho byawe bwite. **Ntabwo ari itegeko** kuyikoresha. Birasabwa gukoresha iyo App byoyine ku makuru yihuse mu kurangiza akazi n’inshingano kuri Chromebook yawe. App ni igikoresho cy’inyongera kigufasha gutsinda.

## Ibiro bifasha Abanyeshuri n’Imiryango

Abanyeshuri n’imiryango bahura n’ibibazo bya tekiniki cyangwa bya interineti ku bikoresho byatanzwe n'akarere bashobora kubona ubufasha ku biro bifasha Abanyeshuri n’Imiryango.

Inomero za terefone: 859-381-4410

Amasaha y’Umwaka w’Amashuri: Kuwa mbere – Kuwa gatanu, saa mbiri zo mu gitondo kugeza saa mbiri zo ku mugoroba